


<b>Inkingo Imiryango Ishobora Kwizera</b>	"Vaccines Families Can Trust" was created and translated October 20,2023 by the Multilingual Health Education Alliance (M-HEAL). [Kinyarwanda]	
	Iyi nyandiko ishingiyeye ku nama <b>z'ibigo muri Reta zunze Ubumwe bw'Amerika bishinzwe kugenzura no gukumira indwara</b> kuwa 10 Gashyantare 2023	

<b>Isuzuma muri Laboratwari</b>	Abahanga bamara imyaka myinshi bapima urukingo mu cyumba cy'isuzumiro kugira ngo barebe niba urukingo rushobora kurinda umuntu indwara runaka.  Nimba ibisubizo by'isuzuma ari byiza, <b>Ikigo gishinzwe imiti n'ibiryo (FDA)</b> gishobora kwemeza umutekano mu gupima abantu.
<b>Icyiciro cya 1 Gusuzuma hamwe n'abantu: Umutekano &amp; Igipimo cy'urukingo</b>	Mu cyiciro cya mbere cyo gusuzuma hamwe n'abakorera bushake 20-100, abahanga biga ubuziranenge by'inkingo n'ingaruka. Kandi bakagena igipimo gikwiye cy'urukingo.
<b>Icyiciro cya 2 Gusuzuma hamwe n'abantu: Ingaruka zititezwe &amp; Ubwirinzi b'umubiri</b>	Mu gice cya kabiri cyo gusuzuma hamwe n'abakorera bushake babarirwa mu magana, abahanga biga ku ngaruka zititezwe zikunze kugaragara. Bagenzura kandi uko umubiri wakira urukingo kugira ngo barebe ko umubiri ufite imbaraga zihagije mu kwirinda indwara.
<b>Icyiciro cya 3 gusuzuma hamwe n'abantu: Inyungu</b>	Mu cyiciro cya gatatu cyo gusuzuma hamwe n'ibihumbi n' abakorera bushake, abahanga bagereranya uburyo urukingo rurinda abantu bahawe urukingo ugereranije n'abataruhawe. Abahanga kandi banashakisha ingaruka nyinshi n'ibibazo ibyaribyoye byose by'ubuziranenge rw'urukingo.

**Iyo urukingo rwujuje ibyiciro byose uko ari bitatu, FDA isuzuma amakuru yose y'ubumenyi kugira ngo ibashe kwemeza ko urukingo rukoresha mu bantu.**

<b>FDA yemeza urukingo IYO:</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Rwujuje ubuziranenge kandi rukora</li> <li>• Inyungu ziruta ingaruka</li> <li>• Uruganda rukora urukingo rwujuje amabwiriza y'ubuziranenge</li> </ul>
---------------------------------	--

**Ibigo bikora Inkingo bisabwa gukorerwa isuzuma ry'ubuziranenge n'umwimerere rikozwe na FDA mu gihe cyose cy'ikorwa ry'inkingo**

<b>Abaganga n'izindi mpuguke batanga umurongo ngenderwaho mu gukoresha inkingo.</b>	Komite ngishwanama kubijyana n'ikingira (ACIP) isuzuma amakuru yose ya siyansi yerekeye urukingo. Batanga umurongo ngenderwaho kuri CDC nimba urukingo rwakoresha cyangwa rutakoresha n'ugukomba kuruhabwa (urugero:abana). Umuyobozi wa CDC noneho ahitamo nimba urukingo ruzongerwa kuri gahunda y'ikingira muri Amerika.
---	---

**Nyuma y'ibi, inkingo zikomeza gukurikiranwa kubw'ubuziranenge.**

- FDA ikomeza kugenzura inganda zikora inkingo kubw' ubuziranenge n' ireme
- Umuntu wese ashobora gutanga raporo kuri CDC ku bibazo bikomeye by'ubuzima bahuye nabyo nyuma yo gukingirwa.
- Abahanga bakoresha amakuru y'ubuvuzi avuye muri miriyoni z'abantu kugira ngo bakomeze gushakisha ibibazo by'umutekano w'urukingo
- Biramutse bigaragaye ko urukingo rutizewe, FDA na CDC bakuraho uruhushya, ndetse urukingo ntiruba rwemerewe gutangwa muri Leta zunze ubumwe za Amerika.